No 200 Nzeri 2016

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI



## ABANYAMAKURU BAHUGUWE K'UBUHANGA BWO GUTARA, GUSESENGURA NO GUTANGAZA INKURU ZA POLITIKI

*Kuwa kabiri tariki ya 06 Nzeri 2016, Ihuriro ry' Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya politiki n'Inama Nkuru y'Itangazamakuru ku bufatanye n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Iterambere PNUD hateguwe amahugurwa agenewe abanyamakuru k'Ubuhanga bwo gutara, gusesengura no gutangaza inkuru za Politiki, abera mu Mujyi wa Kigali, Akarere ka Gasabo mu cyumba cy'inama cya Sports View Hotel.*




*Abari mu mahugurwa*

Mu gufungura aya mahugurwa, Umuvugizi w'Ihuriro Madamu MUKABUNANI Christine yavuze ko Umutwe wa Politiki n'Umunyapolitiki mu mikorere yabo ya buri munsi bagombye guhura n'itangazamakuru kugira ngo bagaragarize abayoboke babo n'abanyarwanda muri rusange uruhare rwabo mu iterambere ry'Igihugu ndetse n'ibyo bateganya kugeza ku bayoboke babo.

Avuga kandi ko iyo Umunyapolitiki ahuye n'itangazamakuru, haba mu bihe bisanzwe cyangwa mu bihe bidasanzwe, aboneraho kugaragaza mu nzira nziza umurongo w'ibitekerezo Umutwe wa politiki arimo ugenderaho, wafasha mu kuzamura imibereho myiza n'iterambere ry'Igihugu muri rusange. Aha ariko nanone agaragaza ko itangazamakuru rimuha umwanya kugira ngo atangaze by'ukuri akamaro we ubwe cyangwa Umutwe wa politiki abarizwamo bamariye umuturage mu buzima bwe bwa buri munsi. Avuga ko mu gutangaza inkuru ye nawe, umunyamakuru icyo gihe abona ibyangombwa bimufasha gukora inkuru ye ya politiki ageza ku Banyarwanda n'abandi bakurikirana igitangazamakuru cye.

Asoza, Umuvuguzi w'Ihuriro yavuze ko, insanganyamatsiko zateguwe kuganirwaho muri aya mahugurwa zatoranyijwe hagamijwe guhana amakuru ku bumenyi bwa ngombwa bwakwifashishwa n'abanyamakuru mu gihe bategura inkuru za politiki. Abasaba kuyakurikirana inyota kuko barayahabwa n'impuguke mu itangazamakuru n'abanyapolitiki bafite ubunararibonye.

Umuyobozi wa PNUD mu Rwanda, Bwana Stephen Rodriques nawe wari mu muhango wo gufungura aya mahugurwa ku mugaragaro, yavuze ko mu kuyategura hari hagamijwe ko abazayakurikira bazongererwa ubumenyi mu gutegura neza no gutangaza inkuru za politiki;




ibi bikazateza imbere ibitangazamakuru abayitabiriye bakorera, bikazafasha kandi Imitwe ya politiki igize Ihuriro kuko bizabafasha bombi haba mu kubona inkuru za politiki batangaza haba kandi no kwimenyekanisha kw'iyo Mitwe ya politiki ku Banyarwanda.

Impuguke n'abanyapolitiki batanze ibiganiro muri aya mahugurwa harimo Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, Bwana BURASANZWE Oswald, Hon Tito RUTAREMARA, Hon. BYABARUMWANZI Francois, Dr. Alfred NDAHIRO na Madam MUGIRANEZA Assumpta. Mu kuyobora ibi biganiro, babifashijwemo n'izindi mpuguke n'abanyapolitiki aribo Dr. GASABIREGE Rose, Dr. NGABITSINZE Chrysostome, Hon. GASAMAGERA Wellars n'Umunyamakuru Bwana BARORE Cleophas.



Mu kiganiro cye Hon. Tito RUTAREMARA yavuze ko Urwanda rwahisemo politiki y'isangira ry'ubutegetsi, ubwumvikane n'ubumwe bw'Abanyarwanda avuga ko ibi biri mu Itegeko Nshinga aho ryashimangiye ko kujya inama no gukemura ibibazo biciye mu nzira z'ibiganiro n'ubwumvikane busesuye ari bwo buryo buboneye bwo gukora politiki no gushimangira ubwisanzure bushingiye ku bitekerezo binyuranye mu Rwanda. Asaba aba banyamakuru ko mu gukora inkuru zabo bajya bumva ko u politiki y'u Rwanda atari yayindi yo guhangana ahubwo ari iyo kuzuzanya hagamijwe kureba icyagirira Igihugu n'umuturage akamaro.

Abandi batanze ibigani bose bahurije ku kuvuga ko Itangazamakuru ryo mu Rwanda risabwa gukoresha neza urubuga ryahawe mu kubaka ubumwe bw'abanyarwanda n'iterambere ry'Igihugu no kwirinda gutangaza inkuru zitesha agaciro Abanyarwanda n'abayobozi b'Igihugu aho basabwa gutangaza inkuru y'ukuri yasesenguwe kandi umunyamakuru afitiye gihamya. Umunyapolitiki nawe asabwa kurangwa n'umuco w'ubworoherane no kwemera ibitekerezo bitandukanye n'ibye; mu gukorana n'itangazamakuru, Imitwe ya Politiki ikumva ko ari inyungu kumenyekanisha ibikorwa byayo binyuze mu nkuru za politiki zitegurwa.

Mu gusoza amahugurwa, Hon. NKUSI Juvenal yavuze ko aya mahugurwa ari imbarutso y'imikoranire myiza hagati y'Itangazamakuru n'Imitwe ya Politiki, aho yasabye ko yakomeza gushinga imizi binyuze mu biganiro nyunguranabitekerezo bizakomeza gutegurwa mu gihe kiri imbere. Ashimira ONE UN yemeye gutera inkunga iki gikorwa cy'ingirakamaro, ashima kandi ubufatanye bw'Ihuriro n'Inama Nkuru y'Itangazamakuru mu gutegura ibiganiro nyunguranabitekerezo bya politiki bigamije kongerera umunyamakuru Ubuhanga bwo gutara, gusesengura no gutangaza inkuru za Politiki.

## ABASHINZWE UMUTUNGO MU MITWE YA POLITIKI BASOBANURIWE UBURYO BWIZA BWO KUMENYEKANISHA UMUTUNGO



*Kuri uyu wa gatanu, tariki ya 23/09/2016, ku Cyicaro cy'Ihuriro, hateranye inama yahuje abakozi bashinzwe umutungo mu Mitwe ya politiki, Abakozi b'Urwego rw' Umuvunyi n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Ihuriro. Iyi nama yateguwe n'Ihuriro mu rwego rwo gutegura igikorwa cyo kugaragaza ibitabo by'umutungo n'ibaruramari ku nzego zibishinzwe, igikorwa gikorwa buri mwaka nk'uko biteganywa mu Itegeko Ngenga rigenga Imitwe ya politiki n'Abanyapolitiki.*

Mu gutangiza inama, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro Bwana BURASANZWE Oswald yashimye abitabiriye ubutumire aha ikaze abakozi ba Serivisi z'Urwego rw'Umuvunyi baje gutanga ikiganiro ku kumenyekanisha umutungo no gutegura ibitabo by'Ibaruramari. Yakomeje yerekana ko iyi nama ari ingirakamaro ku Mitwe ya politiki cyane ko yateguwe mu gihe Urwego rw'Umuvunyi rumaze kugenzura Imitwe ya politiki yose ndetse rukaba rwaragiranye ibiganiro na buri Mutwe wa politiki kuri Raporo rwawukoreye, abibutsa ko iyi nama ibaye mu bihe bya nyuma byo kumenyekanisha ikoreshwa ry'umutungo n'imurikwa ry'ibitabo by'ibaruramari ry'umutungo w'Imitwe ya politiki mu mwaka w'ingengo y'imari 2015-2016 cyane ko bigomba kuba byatanzwe bitarenze tariki ya 30 Nzeri uyu mwaka.

Madamu MWISENEZA Jeanne, umuyobozi w'Ishami rishinzwe imenyekanisha ry'umutungo muri Serivisi z'Urwego rw'Umuvunyi mu kuganira n'abari mu nama, yibanze ku itegurwa rya raporo zisabwa cyane cyane ku gikorwa cy'ibaruramibare n'igenzurwa ry'ibitabo by'umutungo ku Mutwe wa politiki. Abari mu nama bunguranye ibitekerezo bahabwa n'ibisobanuro ku bibazo byabajijwe.



*Madamu MWISENEZA Jeanne/Serivisi z'Urwego rw'Umuvunyi (Iburyo)*

Icyagarutsweho cyane ni inyandiko za ngombwa zigomba gushyikirizwa Inzego bireba. Aha abahagarariye Serivisi z'Urwego rw'Umuvunyi berekanye ko inyandiko zose zisabwa n'aho zigomba gushyikirizwa biteganywa n'Itegeko Ngenga N°10/2013/OL ryo kuwa 11/07/2013 rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki.

Muri iyi nama kandi abayitabiriye bunguranye ibitekerezo ku buryo bwo kunoza itangwa rya raporo z'amahugurwa. Bwana Jijuka Zephyrin Umuhuzabikorwa wa Gahunda mu Ihuriro yerekanye zimwe mu ngingo/format zakwibandwaho mu gutegura no gutanga raporo ku mahugurwa aba yatewe inkunga n'Ihuriro, abitabiriye inama bayunguranaho ibitekerezo.

Mu kungurana ibitekerezo ku buryo Imitwe ya politiki yajya ikoreshamo inkunga igenerwa n'Ihuriro n'uburyo bwo gutanga raporo, hemejwe ko mu mikoreshereze y'inkunga hajya hakurikizwa ibiteganywa n'Igitabo cy'uburyo bw'Imicungire y'Imari n'Umutungo by'Ihuriro cyemejwe n'Inama Rusange y'Ihuriro, hibutswa ko amafaranga yajya asigara ku yahawe Umutwe wa politiki agenerwa ingendo ku bayoboke b'Imitwe ya politiki bitabiriye amahugurwa yajya asubizwa kuri konti y'Ihuriro bidatinze.

Abitabiriye iyi nama bibukijwe ko hari inkunga y'ibikoresho yagenwe n'Ihuriro mu rwego rwo kwitegura amatora ateganijwe umwaka utaha, basabwa ko bavugana n'abayobozi b'Imitwe ya politiki yabo kugira ngo bohereze bidatinze ilisiti y'ibikoresho bumva byakenerwa muri ibyo bikorwa kugira ngo Ihuriro biciye mu ipiganwa, ribone rwiyemezamirimo wazagemura ibyo bikoresho.

## INAMA RUSANGE Y'IHURIRO YASHYIZEHO ABAVUGIZI BASHYA

*Kuri uyu wa kane, tariki ya 29 Nzeri 2016, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi waryo, Madamu MUKABUNANI Christine.*




*Madamu MUKABUNANI Christine (Hagati) ayoboye inama*

Abagize iyi nama bunguranye ibitekerezo ku busabe bwa Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) ku mbanzirizamushinga y'Itegeko Ngenga rihindura kandi ryuzuza Itegeko Ngenga no 10/2013/OL ryo kuwa 11/07/2013 rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki; basuzuma raporo y'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2015/2016; na raporo y'igenzura ku mikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka wa 2015/2016. Iyi nama kandi yashyizeho Abagize Biro y'Ihuriro.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku mbanzirizamushinga y'itegeko ngenga rihindura kandi ryuzuza Itegeko Ngenga no 10/2013/OL ryo kuwa 11/07/2013 rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki ; Inama Rusange yatanze ibitekerezo byayo bizagezwa ku rwego rwabisabye.

Ku ngingo zijyanye no gusuzuma no kwemeza raporo, Inama Rusange yemeje raporo y'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2015/2016 hamwe na raporo y'igenzura ku mikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka wa 2015/2016.

Mu matora y'abagize Biro y'Ihuriro, ku mwanya w'Umuvugizi, Inama Rusange yatoye Madamu KANYANGE Phoebe, uturuka mu Mutwe wa politiki PSP, naho ku mwanya w'Umuvugizi Wungirije, itora Hon. MWIZA Esperance, uturuka mu Muryango FPR Inkotanyi.